**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE**

**ICYEMEZO GICA IHAZABU N° ..091/2019/UR/UA/TGI/NYGE**
**MU RUBANZA RP 00617/2017/TGI/NYGE**

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

Umwaka wa **2019**, umunsi wa **01** w'ukwezi kwa **10;**

Twebwe UDAHEMUKA Adolphe, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, dufashijwe na UWAMWEZI Rosine, Umwanditsi muri urwo Rukiko ;

**Tumaze** kubona urubanza RP 00617/2017/TGI/NYGE ubushinjacyaha buregamo NYAMINANI Oreste na MUSABWASONI Gloria rwahawe itariki yo kuburanishwa yo kuwa 09/07/2019 saa mbili (8H00), uwo munsi ugeze, Ubushinjacyaha bwandikira Urukiko busaba ko iburanisha ryasubikwa kuko umushinjacyaha wari uteganyijwe yagize ibyago kandi akaba yabimenye muburyo butunguranye kandi ko ntawundi mushinjacyaha wari uhari wo kuziburana maze iburanisha ryimurirwa kuwa 01/10/2019 sa mbili (8H00) ;

**Ku itatiki ya 01/10/2019** Urubanza ruhamagawe maze hakitaba umugore wa NYAMINANI Oreste akabwira Urukiko ko ngo umugabo we NYAMINANI Oreste yarwaye kandi no mu iburanisha ribanza ryo kuwa 09/07/2019 nubundi hari hitabye umugore we nk`intumwa ya NYAMINANI Oreste nubwo iburanisha ryasubitswe kumpamvu z`ubushinjacyaha;

**Tumaze** kubona ko NYAMINANI Oreste nk`umuburanyi wari uzi neza ko afite urubanza akaba atitabye Urukiko kumpamvu z`uko ngo arwaye kandi ntakibigaragaza ko koko arwaye dore ko n`ubundi mu iburanisha ribanza yari yohereje umugore we nk`intumwa;

**Tumaze** kubona kandi ko uru rubanza rumaze kuba ikirarane mu Rukiko;kandi buri gihe NYAMINANI Oreste aho kwitaba nk`ukurikiranwe agahitamo kohereza umugore we;

**Dusanze** kuba NYAMINANI Oreste atigeze nibura anamenyesha Urukiko ko yagize ikibazo cy`uburwayi akohereza umugore we nk`intumwa ntanikigaragaza ko koko arwaye;bikaba byafatwa nk`impamvu zo gutinza urubanza kubushake;

**Dushingiye** ku ngingo ya 18 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ku byerekeye guhana abatinza urubanza, mu gika cyayo cya mbere aho iteganya ko 'Umuburanyi wese utinza ku bushake iburanisha ry'urubanza kimwe n'uwiyambaza inzira zo kujurira mu buryo bwo gutinza urubanza, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000)'';

**Dushingiye** ku ngingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya mbere aho iteganya ko 'Iyo umuburanyi aciwe ihazabu mbonezamubano kubera gutinza urubanza, inama ntegurarubanza, iburanisha cyangwa kubangamira iperereza, agomba kuyishyura mbere y'uko iburanisha rikomeza.

Iyo atabikoze, iyo hazabu ishyirwa mu byo acibwa n'urukiko mu rubanza rw'iremezo kandi igafatwa nk'ikimenyetso uwo baburana yashingiraho asaba indishyi z'igihombo yatewe n'uko gutinza urubanza'';

**Dushingiye** ku ngingo ya 19 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya kane aho iteganya ko ''Icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza ni icyemezo cy'ubuyobozi. Icyo cyemezo gishobora gutakambirwa kwa perezida w'urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24); icyemezo na cyo kigafatwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe cyatakambiwe'';

**DUTEGETSE** ko NYAMINANI Oreste uregwa mu rubanza RP 00617/2017/TGI/NYGE aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi ijana (100.000Frw) kuko rusanga imyitwarire ye ari uburyo bwo gutinza urubanza ku bushake.

**RUTEGETSE** ko NYAMINANI Oreste yishyura ihazabu aciwe mbere y'itariki urubanza rwimuriweho, atayishyura igashyirwa mubyo azacibwa muri uru rubanza.

**NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**UDAHEMUKA Adolphe**
**Perezida w'Urukiko**

**UWAMWEZI Rosine**
**Umwanditsi w'Urukiko**